**Biro Ngishwanama ku Rubyiruko**
**C/o MIJESCAFOP**
**BP. 1044 Kigali**

Kigali, 19/01/1998

Ku Bayobozi b'Imiryango
B'Urubyiruko iri muri B.C.J
Kigali
Panafrican Youth Movement.
C/o Rusi ... John.

**Impanvu : Ubutumire.**

Madamu/Bwana Muyobozi,

Mu nama iheruka y'Ishyirahamwe ryacu, twumvikanye n'intumwa mwohereje gutegura inyandiko z'imikorere. Habaye ingorane mu kuzirangiza kuko abagombaga kubikora babiburiye uburyo kandi twari tubyizeye.

Mur'iki gihe, akanama k'ubuyobozi mwashyizeho kiyemeje kubyikorera mu buryo bukurikira :

1° Bwana Issa wo muri AJMR, na J. Marie wo mu Basaveri barategura stati;

2° Bwana MWANANAWE wo muri ASR yasabwe gutegura umushinga w'amasezerano (charte) y'imikoranire;

3° Bwana NSENGUMUREMYI wo muri JOC na MUGARURA wo muri Jeunesse pour le Christ bazategura inyandiko ya gahunda y'ibikorwa;

4° Bwana RUTAYISIRE Alexis azandika umushinga w'Inama yo gushyiraho Biro ku mugaragaro.

Igikorwa kizarangira mu cyumweru cya mbere cya gashyantare 1998. Nifuje kubatumira mu nama yo kwemeza izo nyandiko izabera kuri Stade Amahoro, kuwa kabiri, taliki ya 10/02/98 sa ine. Tuzazibohereza mbere.

Byaba byiza kandi mwunganiye abagiye bashingwa imirimo mu bitekerezo igihe baba bari hafi yanyu.

Kubera uburemere bw'inama yo kuri 10/02/98, byaba byiza ko buri shyirahamwe ryakohereza abantu babiri barimo Umuyobozi n'undi muntu usobanukiwe kugira ngo tuzafate imyanzuro idasubira inyuma.

Mugire amahoro.

**Umuyobozi wa Biro Ngishwanama**
**ku Rubyiruko**
**Alexis RUTAYISIRE**